

Kingirwa. Gira telefone yawe. Tangira ukoreshe v-safe.

v-safe ni iki?

V-safe ni porogaramu ishyingira muri telefone ikoresha uburyo bwo kohererezanya ubutumwa bwanditse no gukora ubushakashatsi bushingiye ku rubuga rwa murandasi kugira ngo hakorwe amasuzuma yihariye nyuma yo gukingirwa COVID-19. Wifashishije **v-safe**, ushobora kumenyesha, mu buryo bwihuse, Ikigo cy'Amerika gishinzwe kurwanya no gukumira indwara (CDC) ingaruka z'urukingo nyuma y'uko ukingiwe COVID-19 Hashingiwe ku miterere y'ibisubizo byawe, umukozi wa CDC ashobora kuguhamagara kugira ngo amenye neza uko uhagaze. Nanone, **v-safe** izakwibutsa gufata doze ya kabiri y'urukingo rwa COVID-19 niba urukeneye.

Uruhare rwawe muri **v-safe** ya CDC ni ingenzi cyane: rutuma inkingo za COVID-19 zitekana.

Ni gute nagira uruhare?

Mu gihe umaze guhabwa urukingo rwa COVID-19, yushobora kwiyandikisha muri **v-safe** ukoresheje telefone yawe. Kugira uruhare ni ubushake kandi ushobora kuvamo igihe cyose ushakiye. Uzakira ubutumwa bwa **v-safe** ahagana saa 14h00 mu masaha y'aho utuye. Ushaka guhagarika kwakira ubutumwa, andika ijambo "STOP" mu gihe **v-safe** ikohereje ubutumwa. Ushobora kongera gutangiza **v-safe** wohereza ijambo "START."

Amasuzuma ya v-safe amara igihe kingana iki?

Mu cyumweru cya mbere nyuma yo gufata urukingo, **v-safe** ikohereza ubutumwa buri muni bukubaza uko umerewe. None ukajya wakira ubutumwa bw'isuzuma rimwe mu cyumweru mu gihe cy'ibyumweru 5. Gusubiza ibibazo **v-safe** ibaza bitwara iminota iri muni ya 5. Mu gihe ukeneye doze ya kabiri y'urukingo, **v-safe** izakomeza kukohereza ubutumwa mu gihe cy'ibyumweru 6 bugamije kumenya uko umerewe nyuma yo gufata doze ya kabiri y'urukingo. Nyuma yo gufata urukingo rwose, uzakomeza kwakira ubutumwa bw'amasuzuma bugamije kumenya uko umerewe nyuma y'amezi 3, 6 na 12.

Ese amakuru yerekeye ubuzima bwanjye afite umutekano?

Yego rwose! Amakuru akwerekeye ari muri **v-safe** ararinze ku buryo akomeza kugira umutekano kandi akaba ayawe bwite.*

*Kugeza ku rwego **v-safe** ikoresha sisitemu z'amakuru ziriho zicungwa n'ikigo cy'Amerika gishinzwe gukumira no kurwanya indwara (CDC), ikigo cy'Igihugu gishinzwe ubuzinenge bw'Ibiribwa n'Imiti (FDA), n'ibindi bigo bya leta, sisitemu ziteguranye amabwiriza y'umutekano ahanywe aboneye ku rwego rw'ibanga amakuru agomba kugirwa. Aya mabwiriza ajanyanye, aho bishoboka, n'amategeko ya leta akurikira, harimo n'itegeko ryo mu 1974 rigenga amakuru bwite; Amahame yashizweho ajanyanye n'itegeko ryo muri 1996 ryerekeye ukutanyuranya no kuzaza inshingano mu byerekeye ubwishingizi mu kwivuzwa (HIPPA); Itegeko ryerekeye imicungire y'amakuru ya leta, n'itegeko ryerekeye ubwisanzure bw'amakuru.



Koresha telefone yawe umenyeshye Ikigo Gishinzwe Kurwanya no Gukumira indwara (CDC) ibyerekeye ubwivumbure bw'umubiri nyuma yo gukingirwa COVID-19. Uzajya wibutsa mu gihe ukeneye doze ya kabiri y'urukingo.



Koresha telefone yawe wiyandikishe ku rubuga vsafe.cdc.gov

CYANGWA Werekeze kamera ya telefone yawe kuri iyi kode



Uburyo bwo Kwiyandikisha no Gukoresha v-safe

Ukeneye telephone yawe n'amakuru yerekeye urukingo rwa COVID-19 wahawe. Aya makuru ashobora kuboneka ku ikarita y'amakuru yerekeye ikingirwa ryawe; niba utabasha kubona ikarita yawe, itabaze muganga wawe.

Iyandikishe

1. Jya ku rubuga rwa **v-safe** wifashishije bumwe muri ubu buryo bwombi:

Koresha mushakisha ya terefone yawe y'ikoranabuhanga kugira ngo ufungure
vsafe.cdc.gov

CYANGWA

Werekeze kamera ya terefone yawe y'ikoranabuhanga kuri iyi kode



2. Soma amabwiriza. Kanda ahanditse **Tangira**.
3. Andika amazina yawe, nomero ya telefone, n'andi makuru asazwa. Kanda ahanditse **Iyandikishe**.
4. Wakira ubutumwa burimo kode y'isuzuma kuri telefone yawe. Uzuzura kode muri **v-safe** maze ukande ahanditse **Suzuma**.
5. Hejuru ya mugaragaza, kanda ahanditse **Uzuzura amakuru yerekeye urukingo rwa COVID-19**.
6. Hitamo ubwoko bw'urukingo rwa COVID-19 wahawe (ruboneka ku ifishi y'ikingira yawe; niba utabasha kubona ifishi yawe, itabaze muganga wawe). Noneho, andika itariki wakingiriweho. Kanda **Ahakurikira**.
7. Suzuma amakuru yawe y'ikingira. Niba nta kosa ririmo, kanda **Ohereza**. Niba arimo ikosa, kanda **Subira inyuma**.
8. **Byagenze neza! Ubu byose bimeze neza!** Mu gihe urangije kwiyandikisha mbere ya saa 14h00 ku masaha y'aho utuye, **v-safe** itangira kukoherereza ubutumwa bw'isuzuma hafi ya saa 14h00 uwo munsu. Iyo wiyandikishije nyuma ya saa 14h00, **v-safe** ihita itangira kukoherereza ubutumwa bw'isuzuma,— kurikiza amabwiriza.

Uzakira ubutumwa bwanditse bukwiwitsa buvuye kuri **v-safe** bukumenyeshya ikindi gihe cy'isuzuma— hafi ya 14h00 aho utuye. Kanda ku ihuza rya murandasi riri mu butumwa bwanditse wohererejwe maze utangira isuzuma.

Uzuzura isuzuma rya v-safe

1. Mu gihe wakiriye ubutumwa bwanditse bw'isuzuma bwa **v-safe** kuri telefone yawe, kanda ku ihuza rya murandasi ari uko gusa witeguye.
2. Kurikiza amabwiriza kugira ngo usoze isuzuma.

Gukemura ibibazo

Ni gute nakomereza aho nari ngeze mu gihe hari igitumye nsubika igikorwa ntararangiza?

- Kanda ku ihuza rya murandasi riri mu butumwa bwanditse kugira ngo wongere utangire isuzuma.

Ni gute navugurura amakuru yanjye nyuma yo gufata doze ya kabiri y'urukingo rwa COVID-19?

- **V-safe** ihita igusaba kuvugurura amakuru yawe ajyanye na doze ya kabiri y'urukingo. Kurikiza gusa amabwiriza.

Ukeneye ubufasha kuri v-safe?

Hamagara 800-AMAKURU YA-CDC (800-232-4636) UBURYO BW'IYAKURE 888-232-6348

Akazi gakorwa ama 24/24, Iminsi 7/7

Sura www.cdc.gov/vsafe

